“Yesu Kristo ntahinduka, uko yari ejo, ni ko ari kandi ni ko azahora iteka ryose”
(Abaheburayo 13:8)

Urwandiko ruzenguruka, Ukwezi kwa kane 2018

Inyandiko ya Yubire:
Imyaka 70 ya Isirayeri (1948-2018)
Imyaka 60 y’Ikigo cy’ivugabutumwa
cy’I Kreferidi (1958-2018)

Ndabasuhuza mbikuye ku mutima hose aho muri ku isi, mu Izina ry’igiciro ry’Umwami wacu Yesu Kristo, nkoresheje amagambo yo muri Yohana 8:31:

“***Nimuguma mu Ijambo ryanjye, nibwo muzaba muri abigishwa banjye by’ukuri***..”.

Umuhanuzi Mikaya yasanze ba bahanuzi 400 bari bahanuye bari munsi y’umwuka w’ikinyoma maze aravuga ati: “*Uwiteka ni muzima! Ndibuvuge gusa icyo Uwiteka aribumbwire*” (1Abami 22:14).

Icyo nanjye ni cyo cyabaye icyemezo cyanjye uhereye ku ntango. Agiye gusoza ubutumwa bwe, uwo mugaragu w’Imana yavugishije ijwi rirenga ati: “*Namwe rubanda mwese, mubyumve*!” (1Abami 22:28).

Ubu na none, ijwi ry’umwimerere rirarangurura riti: “*Namwe rubanda mwese mubyumve*!”:

> “*Uhereye iteka ryose kugeza iteka ryose, ur’Imana*!” (Zab.90:2).
>
> “*Ijuru n’isi bizakurwaho, ariko amagambo yanjye ntazakurwaho na hato!*” (Luka 21:33).
>
> “*Ariko Ijambo ry’Umwami rihoraho iteka ryose. Kand’iryo jambo ni ryo mwabwirijwe n’ubutumwa bwiza*” (1Pet.1:25).

Icyanditswe mu “Ijambo ry’Imana” - Bibiliya- ni cyo cyonyine cyari gikwiriye kugira agaciro imbere yacu. Yab’ar’ibivugwa ku bijyanye no kurema, cyangwa se iby’umugambi w’agakiza n’izindi nyigisho fatizo, byose turareka Imana akab’ariyo ivugana natwe binyuze mu Ijambo ryayo. Dushyira ku ruhande insobanuro bwite n’inyigisho z’abatizer’Imana. Itandukaniro rya mbere turibona hagati y’impamo ku byo kurema n’inyigisho y’uruhererekane rwo kwirema. Udashobora kwizera umurongo wa mbere ko “*Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n’isi*”, ntagushidikanya ko bizakomeza kumugora kugeza ku murongo wa nyuma wa Bibiliya. Turekera Imana ihoraho ibyahoze mu iteka ryose n’ibizaba mu iteka ryose. Twe twibanda gusa ku itangiriro ry’ibihe, cyane cyane ku itangiriro ry’igihe cy’ubuntu.

Icyo tugamije cyane cyane mur'iyi nyandiko, ni ukuvuga muri make ku bihe bikurikira:

Kuva mu Isezerano rya cyera no kwinjira mu Isezerano rishya.

Ugushingwa kw'Itorero rya Yesu Kristo n'igihe cy'intumwa.

Igihe cy'imyaka 300 yabanje kugeza ku nama yabereye I Nikeya.

Imyaka igihumbi y'umwijima kugeza mu kunyejana cya 14.

Ubugorozi n'imyaka 500 yakurikiyeho, n'ibyayibayemo.

Ubutumwa bwa nyuma bubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo, burimo kubwirizwa mur'iki gihe cyacu.

Mbere na mbere, ni ngombwa cyane kumenya ko **Imana ikora byose ishingiye ku masezerano yayo yatanze mu Ijambo ryayo.** ".. ***nimumenye n'umutima wanyu wose ko nta Jambo na rimwe mu magambo meza yose Uwiteka yabavuzeho ryabuze gusohora; yose yabasohoreyeho hatabuzemo na rimwe***" (Yosuwa 23:14). Ibyo abahanuzi bo mu Isezerano rya cyera bavuze bitaraba basunitswe n'Umwuka Wera byose, intumwa zitwereka uko bisohora uhereye ku murongo wa mbere wo mu Isezerano rishya. "… ***kuko ku bijyanye n'amasezerano y'Imana yose, muri we ni ho hari yee; kandi ni yo mpamvu amina ivugirwa na We muri twe kubw'icyubahiro cy'Imana***" (2Abakorinto 1:20).

Kuva mu Isezerano rya Cyera ukaja mu Isezerano Rishya

"***Amategeko n'abahanuzi byabayeho kugeza kuri Yohana; uhereye icyo gihe ubwami bw'Imana burabwirizwa, kand'intwarane nizo zibwinjiramo***" (Luka 16:16).

"**Ijwi rirahamagara mu mbaraga** riti: "***nimutegure mu butayu inzira y'Uwiteka, nimutunganirize mu kidaturwa inzira y'Imana yacu***…" (Yesaya 40:3). Ubu buhanuzi bwasohoreye muri Yohana Mubatiza; nk'uko bihamirizwa muri Matayo 3:3; Mariko 1:3; Luka 3:4; na Yohana 1:23. Marayika w'Uwiteka waje kubwira Zakariya ibyo kuvuka kwa Yohana yaravuze ati: "… ***azuzuzwa Umwuka Wera akiri mu nda ya nyina; azagarura benshi mu bana ba Isirayeri ku Mwami Imana yabo; azagendera imbere y'Imana mu mbaraga no mu bubasha bwa Eliya, kugira ngo agarure imitima ya ba se ku bana babo, n'abagome ku bwenge bw'abakiranutsi, kugira ngo ategurire Umwami ubwoko bufite imitima iboneye***" (Luka 1:15-17). Amina.

Akimara kuvuka, ise Zakariya yuzuye Umwuka Wera, maze avuga amagambo y'ubuhanuzi yerekeranye n 'iby'ubukozi bwa Yohana Mubatiza ati: "***Uko niko yeretse ba sogokuruza bacu imbabazi zayo, kandi yibutse isezerano ryayo ryera***…" (Luka 1:72). "***Kugira ngo ihe ubwoko bwayo kumenya agakiza ku bwo kubabarirwa ibyaha byabo***…" (Luka 1:77). Isezerano rya kabiri ryo mu Isezerano rya Cyera ku bijyanye n'ubukozi bwa Yohana Mubatiza, riri muri Maraki 3:1, kandi ryahamirijwe n'Umwami ubwe muri Matayo 11:10 no muri Luka 7:27, riravuga riti: "***Uwo ni we wanditsweho ngo: Dore ndohereza intumwa yanjye imbere yawe, kugira ngo ategure inzira yawe imbere yawe***".

Ubwo babazaga Yohana bati *"Ni wowe Kristo?" Aravuga ati "Oya". "Uri Eliya se" "sindi we". "Uri wa muhanuzi?" Arabahakanira* (Yoh.1:19-21). Dusoma ku murongo wa 23 ubuhamya bwe bushingiye ku Byanditswe bwerekana uwo yari we: "*Njye, **nd'ijwi ry'urangurura mu butayu: nimutegure inzira y'Uwiteka nk'uko byavuzwe n'umuhanuzi Yesaya***" (Yesaya 40:3).

Yohana yashoboraga kuvuga abwira imbaga y'abamwumvaga bizeye ati: "*Jye ndababatirisha amazi kugira ngo mwihane; ariko uje hanyuma yanjye we andusha imbaraga, sinkwiriye no gupfundura udushumi tw'inkweto ze. **We, azababatirisha Umwuka Wera n'umuriro***…" (Mat.3:11).

Binyuze mu bukozi bw'integuza yari yarasezeranijwe, imitima ya ba se bo mu Isezerano rya Cyera yagaruwe ku kwizera kw'abana bo mu Isezerano Rishya, **kand'ubwoko bufit'imitima iboneye bwateguriwe Umwami** (Luka 1:17). Byari ngombwa rwose kumva ubutumwa bw'Umuhanuzi, kubwizera no kubatizwa.

Yesu yacyahiye abanditsi n'abafarisayo batey'umugongo ubukozi bwa Yohana Mubatiza imbere y'imbaga y'abantu, arababwira ati: "*abanditsi n'abafarisayo bahinduye impfabusa umugambi w'Imana kuri bo ubwo bangaga kubatizwa na Yohana*" (Luka 7:30).

Ijwi rirahamagara mu mbaraga: byarashobokaga ko umuntu yahobera igitabo cy'amategeko, agasoma Ibyanditswe Byera, akavuga iby'agakiza k'Imana, akabwiriza ibyo kuza kwa Masiya n'integuza ye (Matayo 17:10), akaririmba amazaburi, akitwararika isabato, agatamba ibitambo, nyamar'agater'umugongo integuza na Masiya, kandi akabura kumenya umunsi wo kugendererwa kw'Imana mu Mbabazi zayo (Luka 19:42-44). Isomo rikomeye dukuramo ni uko abizey'ubutumwa bw'integuza bakabatizwa, ari bo bonyine bamenye Masiya.

"…***ariko igihe kigeze, Imana yohereje Umwana wayo, wabyawe n'umugore, avukira munsi y'amategeko, kugira ngo ashobore gucungura abari munsi y'amategeko, kugira ngo dushobore guhindurwa abana b'Imana. Kandi kubera ko mur'abana, Imana yohereje mu mitima yacu Umwuka w'Umwana Wayo, utaka uti Aba Data***!" (Abagal.4:3-6).

Ubwo isezerano ryo muri Zakariya 9:9 ryari ririmo gusohora, Umwami arimo yinjira muri Yerusaremu ahetswe n'icyana cy'indogobe (Luk 19:28-44), abizera barishimye, bater'akamo bati: "**Hozana Umwami uje mu Izina ry'Uwiteka!**". Abanditsi b'impumyi mu mwuka bashatse gucecekesh'abahimbazaga baramya Umwami (umurongo wa 39), ariko Umwami arabasubiza ati: "***Ndababwira y'uko nibaceceka, amabuye ariburangurure!" Maz'arahindukira areba Yerusaremu, ararira abitewe n'agahinda: "Yesu arimo yeger'umurwa, yarawurebye arawuririra, aravuga ati: Iyaba nawe mur'uyu munsi uhawe war'uz'ibyaguhesha amahoro! Ariko noneho, bihishwe amaso yawe***". Hakurikiyeho gucirwaho iteka: "*Dore Iminsi izaza ubwo abanzi bazakuzenguruka hose, bagukingirane impande zose, bakurimburane n'abana bawe muri wowe, kandi nta buye bazagusigira rigeretse ku rindi, **kubera yuko utamenye igihe wagendereweho***" (imirongo 41-44). Mu mwaka wa 70 nyuma yo kuvuka kwa Yesu, ingabo z'abaroma ziyobowe n'umugaba w'ingabo witwaga Titusi, zashenye Yerusaremu n'urusengero. N'ubu rero, ni ngombwa cyane kugira uruhare mu byo Imana yasezeranije iki gihe cyacu.

Ijwi rirahamagara mu mbaraga riti: Uhereye kuri Adamu na Eva, hashize imyaka 4000 bagitegereje Umucunguzi wari warasezeranijwe ko azaza nk'urubyaro rw'Imana (Itang.3:15). Ubwo igihe cyo gusohora cyageraga, abakuru b'amadini n'ababizeraga b'icyo gihe **ntibamenye umunsi bagendereweho n'Imana**.

Abakuru b'amadini b'impumyi bar'abayobozi b'impumyi, bayobyaga ubwoko ku bw'insobanuro bwite zabo z'ibyanditswe. Ku bw'abanze kwizera Masiya, handitswe ngo: "*kandi yaje mu be, ariko abe ntibamwakiriye*". Ariko ku bizera, handitswe ngo: "***Ariko abamwakiriye bose, abizera Izina rye, ryabahay'ububasha bwo kub'abana b'Imana***.." (Yoh.1:11-12). Amina. Uko ni ko byabaye ku itangiriro. Ni ko byabaye muri buri gisekuruza. Ni ko bimeze na none uyu munsi.

Ishingwa ry'Itorero rya Yesu Kristo i Yerusaremu

Ishingwa ry'itorero ry'i Yerusalemu ryakozwe mu buryo ndengakamere ku bwo gusukwa kw'Umwuka wera. Mu Byakozwe n'intumwa igice cya 1, tubwirwa ko Umucunguzi amaze kuzuka yamaranye n'abigishwa be iminsi 40 ababwira iby'ubwami bw'Imana (umurongo wa 3). Yabasubiriyemo isezerano ati: "*Kuko Yohana yabatirishije amazi, ariko mwebwe ho mu minsi mice, muzabatirishwa Umwuka Wera*" (umurongo wa 5).

Muri Luka 24:36-51, Umwami amaze kuzuka yeretse abigishwa be ibyanditswe byo mu Isezerano rya cyera byari byasohoye. Abungura ubwenge kugira ngo bamenye amagambo yose y'ubuhanuzi avuga iby'imibabaro ye, urupfu rwe no kuzuka kwe. Yaravuze ati: "*uko ni ko byanditswe ko Kristo agomba kubabazwa, maze akazuka ku munsi wa gatatu,* ***kandi ko kwihana no kubabarirw'ibyaha bizabwirizwa mu Izina rye mu mahanga yos'uherey'i Yerusalemu***" (imirongo 46-47). Nuko, arangizany'aya magambo: "*Dore, nzabohereereza icyo Data yasezeranije, ariko mwebweho mugume mu murwa* ***kugez'ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru****!*" (umurongo wa 49). Amaze kuvug'ibyo, azamurwa mu ijuru babireba (Luka 24:51; Ibyakozwe 1:9).

Umwuka wer'amaze kumanuka, Petero yashoboye guhamya ku munsi wa Pentekote ati: "*ibi ni byo* ***byavuzwe n'umuhanuzi Yoweri*** *ati: mu minsi ya nyuma, ni ko Uwiteka avuga, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose; abahungu n'abakobwa banyu bazahanura, abasore banyu bazerekwa, kandi abasaza banyu bazarota*" (Ibyakozwe 2:16-17).

Petero yabwirije ikibwirizwa cye cya mbere ari rwose munsi yo guhishurirwa kw'Umwuka Wera. Uhereye ku murongo wa 37 ukageza ku wa 41, tubwirwa uko byagenze ubwo imbaga y'abantu yakorwaga ku mutima n'ikibwirizwa cya Petero: "*Bamaze kumv'ayo magambo, bacumitwa mu mitima yabo, maze babwira Petero n'izindi ntumwa bati: bagabo benedata, tubigire dute? Petero arabasubiz'ati: n****imwihane, bur'umwe muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabarirw'Ibyaha byanyu, maze muzahabwe impano y'Umwuka Wera. Kuko isezerano ar'iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose nk'uko Uwiteka Imana yacu izabahamagara***". Habanza ikibwirizwa, kigakurikiraho kwizera kw'abumva, no kumvira

mu kubatizwa. "***Abemeye amagambo ye barabatijwe, uwo munsi umubare w'abizera wiyongeraho hafi abantu ibihumbi bitatu***" (Ibyakozwe 2:41).

Ijwi rirahamagara mu mbaraga riti**: mwa moko yose mwe nimwumve**! Ku munsi wa pentekote hatanzwe ikibwirizwa-fatizo, cyari gifite agaciro hose mu gihe cy'intumwa, kandi kiracyafite agaciro mu Itorero rya Yesu Kristo! Uhereye ku ntango, uhereye ku munsi wa mbere wo mu Isezerano rishya, ibikubiye mu mugambi w'agakiza byose, byabaye nk'uko byari byaravuzwe mu Isezerano rya cyera. Ibyo ni byo Pawuro ahamiriza mu rwandiko rwe rwa mbere ati: "***Pawuro imbata ya Yesu Kristo, wahamagariwe kub'intumwa, washyiriwe ku ruhande kubwiriz'Ubutumwa bwiza bw'Imana – ubutumwa bwiza bwahanuwe cyera bivuye ku Mana mu kanwa k'abahanuzi bayo mu byanditswe byera***" (Abaroma 1:1-2). Amina.

Umuvugabutumwa Filipo niwe wabwirije I Samariya: "*Bamaze kwizera amagambo ya Firipo, wababwirizaga ubutumwa bwiza bw'ubwami bw'Imana n'Izina rya Yesu Kristo,* ***abagabo n'abagore barabatizwa***" (Ibyakozwe 8:12). Bamaze kubyumva, intumwa zaje ziva i Yerusalemu, maze "*barabasengera,* ***kugira ngo bahabwe Umwuka Wera*** *kuko utari wakamanukiye n'umwe muri bo;* ***bari barabatijwe gusa mu Izina rya Yesu Kristo***" (imirongo 15-16).

Mu Byakozwe n'Intumwa 10, Petero yabwirije Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo mu nzu y'umukuru w'abasirikare witwa Koruneliyo: "***Kandi Yesu yadutegetse kubwiriza abantu no guhamya ko ari we Imana yashiriyeho kuba umutambyi w'abazima n'abapfuye. Abahanuzi bose bamuhamiriza ko umwizera wese ahabwa mu Izina rye imbabazi z'ibyaha bye***… *Ese dushobora kwima amazi y'umubatizo abamaze guhabwa Umwuka Wera kimwe natwe? Nuko ategeka ko babatizwa* ***mu izina ry'Umwami***" (Ibyakozwe 10: 42-48).

Ubwo Pawuro yabwirizaga muri Efeso abigishwa ba Yohana, dusoma mu Byakozwe 19:5-6+11 ko "***akimara kuvuga ibyo, bahereyeko babatizwa mu izina ry'Umwami Yesu***. *Maze Pawuro abarambitseho ibiganza,* ***Umwuka Wer'abazaho****, batangira kuvuga mu ndimi no guhanura… kand'Imana yakoraga ibitangaza bikomeye biciye mu biganza bya Pawuro*…".

Igihe cyose itorero rya Yesu Kristo rizaba rikiri ku isi, ibyo Petero yavuze ku munsi wa Pentekote, bifite agaciro ku bizera bose ku isi yose: "***Kuko isezerano ari iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose abo Umwami wacu azabahamagara****"* (Ibyakozwe 2:39).

Ijwi rirahamagara mu mbaraga rivuga riti: mu Itorero rya Yesu Kristo, ikibwirizwa cya mbere n'icya nyuma bigomba kuzaba bisa rwose. Icyo ni cyo cyitegererezo gihoraho cy'ibibwirizwa: kwizera, kubatizwa, kubatizwa mu Mwuka. Ibyigishijwe n'ibyabaye ku munsi urufatiro rw'Itorero ry'Imana nzima rwashyirwagaho, ni byo murongo ngenderwaho kugeza ku iherezo ry'Isezerano risyha.

Intumwa Pawuro ihamya ko Itorero "***ryubatswe ku rufatiro rw'Intumwa n'abahanuzi, Yesu Kristo ubwe akab'ari we buye rikomeza imfuruka***" (Abefeso 2:20). "*Kandi yahaye bamwe kuba intumwa, abanda abaha kuba abahanuzi, abanda abaha kub'abavugabutumwa, abanda abaha kuba abashumba n'abigisha,* ***kugira ngo abera batunganirizwe rwose umurimo wo kugabura iby'Imana no kubaka umubiri wa Kristo***" (Abef.4:11-12).

Intumwa yandikiye Timoteyo ati: "… *ariko nintinda,* ***uzamenye uko witwara mu nzu y'Imana, ari ryo Torero ry'Imana nzima, inkingi y'ukuri kandi ari na ryo kwishingikirijeho***" (1Tim.3:15).

Itorero rya mbere ryar'umubiri w'Umwami, ahantu Imana yihishurira, ryari rifite imbaraga z'Imana hamwe n'impano z'Umwuka n'ubukozi bunyuranye (1Abakorinto 12:4-31) – ryar'umubiri umwe ugizwe no kwizera, kubatizwa no kubatizwa mu Mwuka (imirongo 12-26). Aho bimeze bityo ni ho na none bashobora kuvuga uyu munsi bati: *Umwami umwe, ukwizera kumwe, n'umubatizo umwe* (Abef.4:3-5).

Ubwo Yesu azagaruka, nibwo ibi byanditswe bizasohora ku Itorero ngo: "… ***kugira ngo yeze Itorero aryogeshej'amazi y'Ijambo, kugira ngo aryimurikire ryambay'ubwiza, nta kizinga, nta munkanyari cyangwa ikindi gisa na cyo, ahubwo ar'iryera ritariho umugayo***" (Abef.5:26-27). Kumva, kwizera no gukorwamo umurimo n'ikibwirizwa cy'ubuntu bw'Imana bwo gucungurwa, kubarwaho gukiranuka no kungwa n'Imana, nibyo bitumenyesha ko "***Nuko rero, ubwo twamaze gutsindishirizwa kubw'amaraso,*** *tuzakizwa nawe umujinya*" (Abaroma 5:9). Mu Ijambo ry'Imana, tugomba kureka byose (kandi abizera ba bibiliya bose nibyo bakora) nk'uko byashyizweho ku itangiriro.

Igihe cya mbere kugeza ku nama y'I Nikeya

Mu Byahishuwe 2:2, mu rwandiko rwa mbere rwandikiwe amatorero**,** Umwami ashimira Irorero rye ati: "*Nzi imirimo yawe, n'umuhati wawe, no kwihangana kwawe. Nzi ko udashobora kwihanganir'ababi;* ***kandi nzi ko wagenzuy'abiyita intumwa atari zo, ugasang'ari abanyabinyoma***".

Pawuro nawe mu nzandiko ze nyinshi, cyane cyane urwo yandikiye abatesalonike n'urwo yadikiye Timoteyo, yavuze impagarara yaterwaga no kureka Imana kwagombaga kuzaza mu kwizera kw'ukuri. Intumwa yagombye gucyahish'Itorero ry'I Korinto aya magambo: "*ariko, nk'uko inzoka yashukashukishije Eva uburiganya bwayo, mfit'ubwoba ko* ***ibitekerezo byanyu byakwangirika, mugater'umugongo ubworohe bw'ibijyanye na Kristo***. *Kuko iyo har'uje kubabwiriza undi Yesu utar'uwo twabwirije, cyangwa iyo mwakiriy'undi mwuka uta'uwo mwakiriye, cyangwa ubundi butumwa bwiza butar'ubwo mwakiriye, murabyihanganira rwose*" (2Abakorinto 11:3-4).

Mu Bagaratiya 1:6-8, intumwa **yavumye ababwiriza ubundi butumwa** bose ati: "A*riko natwe ubwacu, cyangwa marayika uvuye mu ijuru nababwiriza ubundi butumwa butar'ubwo twabwirije, avumwe!*". Iyi ngingo irakomeye cyane.



Nk'uko inzoka, mu itangiriro ryo kurema gusanzwe mu ngobyi y'Edeni, yabibye imbuto yo gushidikanya ku Jambo Uwiteka Imana yari yabwiye Adamu akoresheje invugo ngo "**ese koko Imana yaravuze**…?" bikazana kutizera, ugushukwa kwa Eva kugashoboka, ni nako byabaye mu gihe cy'intumwa cyakurikiye, no kugeza mu gihe cyacu: ugushidikanya Ijambo, ukutizera, ukutumvira, ukugwa kw'itorero: ukurek'Imana. Izo ngero zombi zirerekana neza rwose ibyabaye mu ngobyi ya Edeni.

Ijambo ry'Imana ryashidikanijweho, insobanuro n'inyigisho bwite biracengezwa. Aho byagaragaye hose, ukuramya kwose kwahinduts'impfabusa, nk'uko Umwami yagombye kubwira abafarisayo bo mu gihe cye ati "*mwa ndyarya mwe, ni mwe Yesaya yahanuriye nk'uko byanditswe ngo:* ***ubu bwoko bundamiriz'ubusa, kuko batanga inyigisho zikomoka mu mategeko y'abantu***" (Mariko 7:6-7). Kandi, ibyo Yesu yabwiy'abanditsi bari bafite inyigisho zabo bwite, bifite agaciro uyu munsi: "***None jye, kuko mbwabwir'ukuri, ntimunyizera. Uw'Imana yumv'amagambo y'Imana; mwe ntimwumva kuko mutar'ab'Imana***" (Yoh.8:45+47). Igihe cyose habaho imbuto z'umwuka z'uburyo bubiri butandukanye: "*Arabasubiza ati: ubiba imbuto nziza, ni Umwana w'umuntu; umurima, n'isi;* ***imbuto nziza ni abana b'ubwami****; urukungu, ni abana b'umubi*" (Mat. 13:37-38).

Ukuramya Imana by'ukuri, nta handi **byakomoka uretse mu mutima uboneye kandi wahinduwe mushya. Umwami wacu yaravuze ati: "*Ariko igihe kiraje, kandi cyamaze gusohora, ubwo abasenga by'ukuri bazasengera Data mu mwuka no mu kuri, kuko abo ari bo basenga Data ashaka. Imana ni Umwuka, abayisenga nabo bagomba kuyisengera mu mwuka***

no mu kuri." (Yoh.4:23-24). Usenga atayobowe n'Umwuka wera nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga, aba asenger'ubusa.

Mu 2Batesalonika 2, ukureka Imana kwa nyuma na wa muntu w'umugome uguhagarariye, byamaze gutangazwa na Pawuro: "…*uwo mugome wishyira hejuru y'icyitwa Imana cyose cyangwa basenga ; akager'aho yicara mu nzu y'Imana, ubwe akiyit'Imana*" (umur.4)…" *akoresheje ubushukanyi bwose bwo gukiranirwa ku bw'abarimbuka* ***kuko batahawe gukund'ukuri kugira ngo bakizwe****. Ni yo mpamvu Imana ibohererereza imbaraga z'ubuyobe, kugira ngo bizere ibinyoma*…" (imir.10-11). Abatubaha kandi ntibizere Ijambo ry'Imana nk'ukuri kwonyine gufite agaciro, ku bwabo no ku bw'Itorero, baba baramaze gucirwaho iteka ryo kwizera ibinyoma bya kidini.

Ibyabaye mu gihe cyakurikiye icy'intumwa ntibyumvikana: abagabo bari bubashywe nka ba se b'itorero, bazanye inyigisho zabo zivanze n'ibya gipagani, maze bikururira abayoboke inyuma yabo. Abo biswe ba se b'itorero bari abantu b'ibyamamare mu gikirisitu, ariko ntabwo bar'intumwa zahamagawe na Yesu Kristo. Nta n'umwe muri bo wari warahamagawe n'Imana by'ukuri. Abazwi cyane ni nka Atanaze, Awugusitini na Jerome. Bari abagabo bavuye mu gipagani cy'abagiriki kandi benshi muri bo nta n'ubwo bari barahindukiriye Kristo by'ukuri, bari bagihambiriwe n'imiziririzo ya gipagani, maze binjiza ibitekerezo byabo mu gikirisitu.

Uhereye mu mwaka wa 313, ubwo umwami Konsitantini yatangarije ku mugaragaro ko igikirisitu ari cyo cyemewe nk'idini rya Leta, ibyakurikiye byar'amarorerwa. Uhereye tariki 20 z'ukwa gatanu ukageza tariki 25 z'ukwa karindwi mu mwaka wa 325, yatumije abepisikopi b'imyizerere inyuranye ahitwa I Nikeya. Icyo gihe, imyizerere inyuranye ya gikirisitu yar'imaze kugera kuri 127 mu bihugu bigize ubwami bw'I Roma. Nyuma y'impaka zitoroshye ndetse n'intonganya zikaze, imyizerere y'ubutatu idafite aho ihuriye na bibiliya, kandi itarashoboye kwemerwa n'abari mur'iyo nama bose, yashyizwe mu nyandiko bihagarariwe na Atanaziyo war'uyoboye iyo nama. Ku bijyanye n'Umwana w'Imana, banditsemo ngo: **"… Umwami umwe, Yesu Kristo umwana w'ikinege w'Imana, wabyawe na Data mbere y'ibihe byose. Imana yabyawe n'Imana, Umucyo wabyawe n'Umucyo, Imana y'ukuri yabyawe n'Imana y'ukuri, yaravutse ntiyaremwe, ufite kamere imwe n'Imana**…" (reba mu nyandiko yiswe "Ba se b'igikirisitu", urup.40).

Kugeza uyu munsi, ntabwo Imana yigeze ibyara umwana uhoraho. Nta mwana uhoraho wigeze abaho. Mu myaka y'Isezerano rya cyera yose uko ari 4000, nta muhanuzi n'umwe wigeze avuga ibya Data uri mu ijuru, cyangwa iby'umwana; ariko inshuro zirenze 4000, bavuze Imana, Uwiteka – Elohim YAHWEH. Mu nzandiko, uhereye mu Baroma 1:7, duhora dusanga indamukanyo ivuga ngo: "*Ubuntu n'amahoro bibahabwe* ***bivuye ku Mana Data n'Umwami Yesu Kristo***!" ariko nta na rimwe tubona imvugo ya "…Imana Mwana" cyangwa "…Imana Mwuka Wera". Nk'uko ar'impamo ko Imana ihoraho, Elohimu, yihishuye nk'Uwiteka/YAHWEH, akagendagendera mu ngobyi y'Edeni yambay'ishusho igaragara, akarema Adamu mu ishusho ye; niko na none ar'ukuri ko ya Mana imwe yihishuye nka Data wa twese uri mu ijuru mu Mwana we w'ikinege yabyariye ku isi. Ni yo mpamvu Umwami Yesu yashoboraga kuvuga ati: "*Umbonye ab'abonye Data*…" (Yoh.14.9). Imana Yihishuye Yambay' umubiri w'inyama kugira ngo Ibone uko Iducungura (1Tim.3:16).

Dusanga isezerano ryo kuvuka kw'Umwana nk'Umucunguzi mu masezerno menshi yo mu Isezerano rya cyera. Amwe muri yo ni ay'akurikira:

"*Nzamubera Se na we azambera umwana…"* (2Sam.7:14). "*Nzatagaza itegeko: Uwiteka yarambwiye ati: Ur'umwana wanjye, ndakubyaye uyu muns*i" (Zaburi 2:7).

"*Yego, wamvanye mu nda ya mama*.." (Zab.22:10-11). "*Azanyambaza ati: uri data, Imana yanjye n'urutare rw'agakoza kanjye! Nanjye nzamugira umwana w'impfura, hejuru y'abami bose bo ku isi*" (Zab.89:27-28). "*Dore, umwali azasama, abyare umwana w'umuhungu…*" (Yes.7:14). "*Kuko umwana yatuvukiye, duhawe umwana w'umuhungu, kand'ubutware buzaba ku bitugu bye; azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho, Umwami w'amahoro*" (Yesayo 9:5). – Nta na hamwe havugwa "*Umwana uhoraho*"*!* "*Nawe Beterehemu Efurata, uri muto mu midugudu ya Yuda, ariko muri wowe nimo hazakomoka uzatwara Isirayeri…*" (Mika 5:1).

Igihe kigeze, ibyo byarasohoye. Ibyo ni byo Matayo yanditse mu gice cye cya mbere ati: "*ibyo byose byabaye* ***kugira ngo*** *ibyo Uwiteka yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi* ***bisohore***" (Yesaya 7:14) ati: "***Dore umwali azasama, abyare umwana w'umuhungu, bazamwita Emanueli, bisobanura ngo Imana hamwe natwe***" (Mat.1:22-23).

Turondorerwa ibijyanye no kuvuka kw'Umwana w'Imana byose mu gice mbere n'icya kabiri bya Luka: "*Marayik'aramubwira ati:* ***witinya Mariya we, kuko wagiriw'ubuntu imbere y'Imana. Dore uzasama, ubyare umwana w'umuhungu, uzamwite Yesu (heb. Yahshua)… Umwuka Wer'azakuzaho, kand'imbaraga z'Isumbabyose zizagutwikiriza igicucu cye. Ni yo mpamv'umwana wera uzakuvukaho azitwa Umwana w'Imana***."… "*Mariy'aravug'ati: Ndi umuja w'Umwami; bingirirwe nk'uk'uvuze!*" (Luk.1:30-31,35,38).

Ijwi rirahamagara mu mbaraga riti**: "Mwa mahanga mwese mwe, nimwumve!". Iki n'igihe cyo kuvugish'ukuri! Ufit'ugutwi niyumve icyo Umwuk'abwir'itorero**: icyanditswe muri bibiliya ni cyo cyonyine cyavuzwe na bibiliya, na non'icyigishijwe kandi cyakozwe n'intumwa, ni cyo cyonyine kigomba gufatwa nk'igikomoka ku ntumwa.

Naho nemeye y'ubutatu yaje guhimbwa hanyuma I Nikeya mu mwaka wa 325 n'I Konsitantinopule mu mwaka wa 381, ikitwa ko ari "nemeye ikomoka ku ntumwa", ntaho ihuriye na bibiliya, **cyangwa n'imyizerere y'intumwa** y'umwimerere yari mu itorero ryo ku ntango. Mu nama yaberey'I nikeya, niho bafatiy'icyemezo cyo kugir' "Umwana" uwa kabiri w'ubumana, hanyuma I Konsitantinopure aba ariho bahindurira "Umwuka wera "umuperisona wa gatatu w'ubumana. Nyuma yaho gato, mu mwaka wa 385, nibwo Jerome yazany'icya kane cyo kubishimangira muri bibiliya ye yasobanuye yitwa "vurigate", aho yongereye ku murongo wa 7 mu gice cya 5 cy'urwandiko rwa mbere rwa Yohana (1Yoh.5:7) ngo: "*kuko hari bitatu bihamya mu ijuru: Data, Ijambo, n'Umwuka, kandi ibyo bitatu ni umwe*". Mu kinyejana cya gatatu nyuma y'igihe cy'intumwa, nta byinshi byari bisigaye ku nyigisho zasizwe n'intumwa.

Mu mizingo y'ibitabo by'umwimerere byanditswe mu Giheburayo no mu kigiriki, 1Yohana 5:7 yanditswemo gusa ko: "***kuko hariho bitatu bitang'ubuhamya*****"** hagakurikiraho**: "*Umwuka, amazi n'amaraso, kandi byose birahamanya.*** *Niba twakira ubuhamya bw'abantu, ubuhamya*

*bw'Imana bwo burut'ubw'abantu; kuko ubuhamya **bw'Imana ar'uko yahamirije Umwana wayo***" (imirongo 8+9; Mat.3:17; Mat.17:5). Intumwa Petero ni we washoboye guhamya ati: "***Kandi twumvise iryo jwi rivugira mu ijuru, ubwo twari hamwe na we ku musozi wera***" (2Pet.1:18).

Maritini Luteri yanze rwose iyo misobanurire ya bibiriya yiswe vurigate. Yohana Wikirifu we yarayisemuye ayishyira mu rurimi rw'icyongereza, ni yo mpamvu kugeza ubu dusanga ya magambo bongeyemo muri bibiliya yitiriwe umwami Yakobo (King James version). N'ubwa hepfo ku rupapuro banditseho ko ibyo bitatu biri mu ijuru bitari mu nyandiko y'umwimerere, ibyo byongewemo bisangwa muri za bibiliya zose zasobanuwe zihereye kuri vurigate. Muri bibiliya zanditswe mu rurimi rw'ikidage, urugero nka bibiliya y'I Zurici yo mu mwaka w'1535, cyangwa bibiliya ya Luteri yo mu mwaka w'1543, kugez'uyu munsi ku bw'ubuntu bw'Imana, dusanga byarandukuwemo neza nk'uko biri mu nyandiko y'umwimerere.

Bibiliya igizwe n'ibice bibiri: Isezerano rya cyera n'Isezerano rishya. Nta gishobora kongerwa ku masezerano cyangwa guhindurwa. Intumwa Pawuro yaranditse ati: "*Benedata (ndavuga nk'umuntu), amasezerano yanditse neza, n'ubwo aba yakozwe n'umuntu, **ntawe ushobora kuyatesh'agaciro, nta n'ushobora kugir'icyo ayongeraho***" (Abagalatiya3:15).

Ku iherezo ry'Isezerano rishya, ku murongo wa 22:18-19 wo mu Byahishuwe, handitswe ukwihanangiriza ko mu buryo bubiri: "*ndabwira uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo: **nihagira ugir'icyo yongeraho**, Imana izamukubitisha ibihano byanditswe mur'iki gitabo; **nihagira ugira icyo agabanya ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi**, Imana izakuraho umugabane we ku giti cy'ubugingo n'umurwa wera byanditswe mur'iki gitabo*".

Uhereye mu kinyejana cya kane ubwo amatorero ya gikirisitu yashingwaga, inyigisho zose za bibiliya zakuweho; Yesu Kristo, umucunguzi, ahindurwa uwa kabiri w'ubumana. Nta cyemezo na kimwe cyangwa nemeye n'imwe yemejwe n'inama z'itorero ifite aho ihuriye na bibiliya. Kandi uretse n'ibyo, nta hantu na hamwe bibiliya ivuga ko har'**umusigiri wa Kristo cyangw'umusimbura wa Petero**. Itorero gatorika ryitiriye papa amagambo Yesu yavuze muri Matayo 16:18. Nyamara Umwami Yesu ntabwo yigez'abwira Petero ngo: "*nzakubakaho Itorero ryajye",* ahubwo yaravuz'ati*: "...**kur'urwo rutare niho nzubaka Itorero ryanjye***" – kand'urwo rutare ni Yesu.

Ijwi rirahamagara mu mbaraga riti**: mwa mahanga yose mwe nimwumve**: nta torero na rimwe rya Leta cyangwa irind'iry'ari ryo ryose ryubatswe na Kristo, Umucunguzi; yaba ar'irya gatorika cyangw'iry'aba orutodogisi, abakoputi, iry'abakarudayo, iry'abasiriya cyangwa iryo muri Egiputa. **Yose ni amatorero ya gikirisitu ariko ntabwo ari Itorero rya Yesu Kristo**. Itorero rya Yesu Kristo rigizwe n'abizera bahuje na bibiliya bonyine. Ikibabaje, ni uko buri torero, harimo n'iry'abangirikani n'iry'abaruteri, bizez'abayoboke babo ko bafite agakiza nta kabuza. Nyamara kugeza kur'uyu munsi, nta torero na rimwe ryigeze kugir'uwo rikiza. Ariko abantu bose bo mu matorero yose n'amadini yose bashobora gukizwa ku bwo kwizera Yesu Kristo, binyuze mu guhindurwa kuzanwa n'agakiza umuntu ahabwa ku giti cye (Ibyak.3:19).

Abami n'ibikomangoma bashinze amadini y'bihugu. Uko ni ko isi yagabanijwe mu madini menshi: hano idini ry'ababudisiti, hariya iry'abahindi, hirya iry'aba Shinto; hano abasuni, hariya

abashiya, hariya abalevi n'abalawiti; hano abagaturika, hariya abaporoso. Muri Aziya no muri Afurika, abatware b'imiryango na bo bashyizeho amadini yabo. Nyamar'Imana nta dini na rimwe irimo, Imana yihishuriye muri Yesu Kristo gusa, kandi mu Mucunguzi, ni ho honyine dushobora guhurura n'Imana (2Abakor.5:19).

Mu matorero ya gikirisitu, amasakaramento yasimbuye ukwizera gukiza kuri muri Yesu Krsito, Umucunguzi, nubwo bibiliya ihamya neza ko ukwizera ari uk'umuntu ku giti cye: "***uzizera akabatizwa, azakizwa****; ariko utazizera, azacirwaho iteka*" (Mariko 16:16). Nkuko byigishwa n'amatorero, gutonyangiriza cyangwa gusuka utuzi ku gahanga k'impinja cyangwa abakuze, ngo ni byo bibaha kubyarwa ubwa kabiri n'amazi n'Umwuka (yoh.3:5), nyamara ryose ntabwo ari byo. Ukuminjagirwaho amazi kwatangiranye na Konsitantini mu kwezi kwa karindwi umwaka wa 337, ubwo yar'aryamye arembe, musenyeri Uwusebe yamuminjagiye gatatu ku ruhanga, akoresha bwa mbere imvugo y'ubutatu "ku zina rya Data, n'Umwana, n'Umwuka Wera". Icyo ni cyo gituma bavuga ko Konsitantini yabaye umukirisitu, nyamara yasengaga Soli, ikigirwamana cy'izuba kugeza igihe yapfiriye.

Ifunguro ry'Umwami naryo ryasobanuwe nabi rwose, n'ubwo risobanuwe neza mu Bakorinto ba mbere 10:14-22: "***Igikombe cy'umugisha dusabir'umugisha, ese si ugusangira amaraso ya Kristo? Umutsima tumanyura, ese si ugusangira umubiri wa Kristo? Kuko umutsima ari umwe, natwe n'ubwo turi benshi, tugize umubiri umwe, kuko dusangir'umutsima umwe***."

Nta na hamwe muri bibiliya havugwa ko umutsima cyangwa ukarisitiya bihinduka umubiriwa wa Kristo, maze vino igahinduk'amaraso ya Yesu. Ahubwo Umwami yaravuze ati: "*Ntabw o nzongera kunywa ku mbuto y'umuzabibu, kugeza ku munsi nzanywa vino nshya hamwe namwe mu bwami bwa Data*" (Mat.26:29). Mu Bakorinto ba mbere 11:23-24 handitswe ngo: "*kuko igihe cyose murya ku mutsima kandi munywa ku gikombe, muba mwibutsa urupfu rw'Umwami kugez'ubw'azagarukira*". Umugorozi w'umusuwisi witwa Ulurici Zuwingili yateye rwose umugongo inyigisho ivuga ko igitambo cya misa gihindura ukarisitiya umubiri wa Yesu, maze ashyigikira rwose ibyo bibiliya yigishaa. Yaravuz'ati: "*..nuko rero misa nta kind'ari cyo uretse guhakana igitambo kimwe cy'imibabaro ya Yesu Kristo, ndetse no guseng'ibishushanyo. Ibyo bigomba kwamaganwa rwose*" (Gatigisimu ya Heyideliberi, Ikibazo cya 80).

Ntabwo Kristo akeneye guhor'atambwa buri munsi na padiri, ahubwo yatambwe rimwe rizima, atuboner'agakiza k'iteka. Uko ni ko byanditswe mu Ijambo ry'Imana: "*Ariko Kristo… **yinjiye rimwe ahera h'ahera**, atajyanye amaraso y'amasekurume n'ibimasa, ahubwo yinjiye **ajyanye amaraso ye, amaze kutubonera ugucungurwa kw'iteka ryose***" (Abaheb.9:12). Amina.

"*…**nkanswe amaraso ya Kristo, witanze ubwe, akiha Imana nta kizinga ku bw'Umwuka uhoroho, azarushaho kweza imitima yanyu imirimo ipfuye kugira ngo mushobore gukorera Imana nzima!***" (Ababeb.9:14). ***"ubwo bushake ni bw'adukirisha, tubihawe n'igitambo cy'umubiri wa Yesu Kristo watambwe rimwe gusa"*** *(Abah.10:10).* Amina.

Ibyo gutagatifuz'abantu bapfuye na byo ntaho birangwa muri Bibilia. My kibwirizwa Umwami yabwirije ku musozi (Mat.5), nibwo Umwami yahaye imigisha umunane abizera bakiriho: umwe muri yo uravug'uti: "***hahirw'abafit'umutim'uboneye kuko ari bo bazabon'Imana***", n'ibindi.

Abigishwa nyakuri b'Umwami nibo bavugwaho ibikurikira: " ***Amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu arahirwa kuko yumva"*** (Mat.13:16).

"***Maze uzambaza izina ry'Umwami azakizwa***" (Ibyak. 2:21).

"***Barahirwa kandi ni abera, abazaba mu muzuko wa mbere!*** *Urupfu rwa kabiri nta bubasha rubafiteho; ahubwo bazab'abatambyi b'Imana na Kristo, kandi bazimana na we imyaka igihumbi*" (Ibyah. 20:6).

Na none, Mariya wagirwe Ubuntu imbere y'Imana, yiswe umunyehirwe kubwo kwizera kwe: *"Arahirw'uwizeye kuko ibyo yabwiwe bivuye ku Mwami bitazabura gusohora"* (Luka 1:45). N'ubwo yatoranirijwe kuba umubyeyi w'Umukiza, na we yagomye kubatizwa n'Umwuka Wera ku munsi wa pentekote. Ubwa nyuma Mariya avugwa, n'ubwo yari hamwe n'abandi 120 bateraniye mu cyumba cyo hejuru mu masengesho, mu Byakozwe n'intumwa 1:14: "*Bose bahuje umutima, bari mu masengesho mu cyumba cyo hejuru, hamwe n'abagore, na Mariya nyina wa Yesu, hamwe na bene nyina ba Yesu*". Imvugo "nyina w'Imana" *ntabwo iri muri Bibiliya. Elizabeti yaravuze ati: "Bishobotse bite ko nyina w'Umwami wanjye aza aho ndi?*" (Luka1:43).

Nta nyigisho n'imwe cyangwa igikorwa na kimwe cyo mu itorero ry'ubwami bw'I Roma kigihuje n'Imana cyangwa n'Ijambo ry'Imana. Buri nyigisho yarahinduwe maze hasigara gusa ibivugwa kuri Bibiliya. Ku bijyanye n'ibyo, imvugo nka "ntabwo Imana ishobora kuba So mu gihe kiriziya atari nyoko" ntacyo zimaze.

Nta na hamwe Bibiliya yigez'ivuga ko Maria yaba yarazumutse mu ijuru yambaye umubiri, cyangwa ko yaba yarigeze kugira uwo abonekera; ahubwa Bibiliya irahamya iti: "*Nta n'umwe wigeze azamuka mu ijuru, keretse uwamanutse ava mu ijuru, Umwana w'umuntu uri mu ijuru*" (Yoh.3:13). Ntabwo na none Bibiliya yiger'imwit'umuhuza. Ahubwo handitswe ngo: "*Kuko Imana ar'imwe, n'umuhuza hagati y'Imana n'abantu akaba umwe, Yesu Kristo muntu*…". (1Tim.2:5). Na none, nta na hamwe Mariya yigeze yitwa umuvugizi (avoka); ahubwo dusoma ngo: "*Bana bato, mbandikiye ibi kugira ngo mudakora icyaha. Ariko nihagira ukora icyaha, dufite umuvugizi imbere ya Data, ari we Yesu Kristo umukiranutsi. W'ubwe ni we mpongano ikuraho ibyaha byacu, kandi si n'byacu gusa, ahubwo n'iby'abari mu isi bose*". (1Yoh.2:1-2). Amina.

Ibyakurikiyeho biteye ubwoba guher'igihe kiriziya gatorika yahindukiye itorero rya Leta. Bamaze kwinjiza inyigisho fatizo y'ubutatu, amagambo yo muri Matayo 28:19 Umwami yabwiy'intumwa azohereza mu murimo, ajyanye n'Izina ry'Isezerano ryo mu Isezerano Rishya, iryo Imana yihishuriyemo nka Data mu Mwana kandi ku bw'Umwuka Wera, iryo tugomba kubatizwamo, yahinduwe imvugo yemejwe ngo: "… ku izina rya Data, n'Umwana, n'Umwuka Wera", idafite aho ihuriye na Bibiliya. Mu Itorero rya Yesu Kristo ho, amagambo akurikira afite agaciro kayo kose: "*Icyo mukora cyose mu magambo no mu bikorwa, mujye mugikora mu Izina ry'Umwami Yesu, muhesha icyubahiro Data wa twese ku bw'uwo*" (Abakolosayi 3:17).

Ndetse n'abayuda bahatiwe kwemera "ubutatu". Ariko ntabwo byabashobokeraga kwemera Imana iciwemo ibice bitatu, kuko itegeko rya mbere ryavuye mu kanwa k'Imana rivuga riti: "*Ndi*

Uwiteka, Imana yawe, uwagusohoye mu gihugu cy'Egiputa, mu nzu y'uburetwa. Ntukagire izindi mana mu maso yanjye. Ntukiremere ibishushanyo bibaje, cyangwa ibyerekana ikindi cyose…" (Kuva 20:2-4). "*Uyu munsi umenye, kandi uzirikakane mu mutima wawe ko Uwiteka ari we Mana, hejuru mu ijuru no hasi ku isi, ko nta yindi mana ibaho*" (Gutegeka 4:39).

Icengezwa ry'ubutatu mu itorero ryabaye intandaro yo gutotez'abayuda. Baravumwe, bahabw'akato ngo nibo bishe Kristo n'Imana. Imvugo ngo "mubice kugira ngo muhorere urupfu rw'uwabambwe!", yaremejwe ku mugaragaro. Mu mwaka wa 321, nibwo abayuda babujijwe kwizihiza isabato, isimbuzwa umunsi wo ku cyumweru. Amasinagogi bayahindur'inzu zo kororeramo amatungo.

Itandukaniro rikomeye hagati y'Itorero rya Yesu Kristo n'irya cyami, ryerekanwa na none n'insobanuro ikurikira: "Papa ni we mwami w'abami kuko ahagarariye ingoma ya gikirisitu iganje isi yose" (Amatek'akomeye ya kiriziya, urup.74). "Ubutware bwe bufite inkota ebyiri: iy'umwuka n'iy'iby'isi. Inkota imwe n'iyo kuyobora itorero, iyindi iyoboreshwa n'itorero: imwe ifitwe na padiri, ind'ifitwe n'abami n'abasirikare byemewe na padiri" (Amateka akomeye ya kiriziya).

Tubona ko bari mu buhumyi rwose: iby'inkota ebyiri zivugwa ko zifitwe n'umwe (Luka 22: 36-38), ku bijyanye no kubabazwa kwa Kristo, byaragoretswe kugira ngo bihinduke ishingiro ryo kwigarurira ubutegetsi. Byashoboka bite ko bahera kur'iyo mirongo bakavuga ko kiriziya ifite inkota ebyiri, iy'umwuka n'iy'ubutegetsi bwa none?

Ku bijyanye n'ibyo, Umukiza ubwe yivugiye ko azicwa nk'umunyabyaha: "*ndababwiz'ukuri y'uko iri Jambo ryanditswe rigomba gusohorera muri jye: yashyizwe mu mubare w'abanyabyaha. Kand'ibyanditswe kuri jye biri hafi gusohora*" (umurongo 37).

Itorero rya Yesu Kristo ryahawe "inkota y'Umwuka" gusa, igereranywa n'Ijambo ry'Imana: "*...kandi mwambare ingofero y'agakiza,* ***n'inkota y'Umwuka, ari ryo Jambo ry'Imana***" (Abef.6:17). Nta na hamwe higeze kuvugw'iby'inkota y'ubutegetsi bwa none! Itorero rya Yesu Kristo ntiryigeze ritotez'abandi, ahubwo ni ryo ry'ubwaryo ryatotejwe; ibyo ni byo

amatek'ahamiriza. Umwami yabwiye intumwa ati: "*nimwibuke ijambo nababwiye: umugaragu ntaruta shebuja.* ***Niba barantoteje, namwe bazabatoteza; niba baritondeye ijambo ryanjye, bazitondera n'iryanyu***" (Yoh.15:20). Umucunguzi wacu yongeyeho irindi tegeko kuri ya yandi 10: "***mbahaye itegeko rishya: nimukundane; nkuko nabakunze namw'ari ko mukundana***" (Yoh.13:34).

Inyigisho y'inkota ebyiri yahinduye ubusa iri tegeko ngo "***Ntukice***!", **Ahubwo kwica babihinduye itegeko**. Abapapa bakoresheje inkota y'iby'isi, maze abanze kubayoboka bose baricwa. Uwasoma ijambo papa Urubani yavugiye ahitwa Kirerimo mu bufaransa, tariki 27/11/1095, ubwo yahamagariraga abo bitaga ingabo z'umusaraba kwica abanzi bose, yabyumva. Ingabo z'umusaraba zemerewe kubabarirwa ibyaha n'ibicumuro byose. Ubw'izo ngabo zigaruriraga Yerusaremu mu mwaka wa 1099, ibihumbi n'ibihumbi by'abayuda n'abisiramu n'abandi byarishwe. Kandi amamiriyoni menshi y'abantu yishwe mu ntambara ndwi ingabo z'umusaraba zagize hagati ya 1095 na 1272. Guhindur'abantu abakristo ku gahato, inkiko za kiriziya, itotezwa ry'andi madini, ibyiswe gutwik'abarozi, n'iyicwa ry'ibihumbi byinshi by'abahugeno mu bufaransa mu ijoro rimwe, hagati ya tariki 23 na 24/08/1572: ibyo byose byakorwaga ku bw'icyubahiro "cy'ubutatu butagatifu", "mu izina rya Patiri, na Mwana, na Roho Mutagatifu".

Ijwi rirahamagara mu mbaraga: mu bihe byose, hagiye habaho n'ububyutse bw'Umwuka. Mu bihe byose, abizera Bibiliya by'ukuri bahoraga batotezwa na kiriziya, kandi kenshi bakicwa. Yaba ahitw' Alibisiriedeni, yab'ari aba Voduwa, aba Katare, benedata b'aba Ceke n'abandi. Uko ni ko na Yohana Husi, uw'Ijambo ry'Imana rya rifitiye agaciro gakomeye cyane, yatwikiwe mu itanura ry'umuriro ahitwa Konsitanse, abapadiri b'aba konsiriyeri bashungereye baseka, itariki 6/07/1415. Ubutaka bwanyoye amaraso menshi y'abishwe bazizw'Imana. Uburemere bw'urubanza abapapa birunzeho ntibushobora kugereranywa ku isi. "…*kandi basanze'iwe amaraso y'ababanuzi, n'abera, n'abandi bose biciwe ku isi*" (Ibyah.18:24). Ku munsi w'amateka bazatsindwa n'urubanza imbere y'imbaga y'abo bicishije bose.

Ugupfumura kw'ubugorozi

Nyuma y'uko kiriziya iganza isi kumara igihe cy'imyaka 1000, habayeho ububyutse bwo mu mwuka no kugarukira Bibiliya. Martini Luteri, Ulurici Kaluvini, Shwenkiferidi, Erasimu, Tomasi Munzeri, Merikiyoro Hofumani, n'abandi bahakanyaga papa na kiriziya, abo bose bagize uruhare ku gupfumura kw'ubugorozi. Ingingo 90 zamanitswe ku muryango wa kiriziya w'I Witeniberi, tariki 31/10/1517, ni ikintu kizwi na bose; amagambo Luteri yavugiye imbere y'umwami n'ibikomangoma bye I Worumuzi, tariki 17/04/1517, nayo arazwi neza, kandi amagambo ye yanditsweho byinshi: "Niba ntashoboye kwemezwa n'ubuhamya bw'Ibyanditswe Byera cyangwa se insobanuro zumvikana (kuko ntemera ibyavuzwe na papa cyangwa inama za kiriziya, kuko bakunze kwibeshya kenshi, ndetse bakarangwa no kwivuguruza ubwabo), ntakundi ahubwo nzakomeza kwemezwa n'ibyanditswe byo muri Bibiliya nashingiyeho, kandi umutima nama wanjye nawo ubohewe mu Ijambo ry'Imana. Nuko rero sinshobora, kandi nta nubwa nshaka ko nagira icyo nahinduraho, kuko nta bwenge burimo, nta n'agakiza umuntu yabon'aramutse akoze ibinyuranye n'umutima nama we. Imana abe ariyo imfasha. Amina! (Amatek'akomeye y'Itorero).

Ikibabaje ni uko amatorero mashya (itorero ry'aba Luteri, itorero ryavuguruwe, n'itorero ry'abangilikani) nayo yasubiranye amahame y'imyizerere yakomotse I Nikeya, kandi kugeza uyu munsi batsimbaraye ku myemerere yo kubatiz'abana n'inyigisho z'ubutatu. Na none hakomeje kuza ubundi bubyutse, noneho bukomoka mu ba poroso, urugero ni nk'abitwaga abanabatisiti.

Mu ivugururwa ry'umwuka, ababwiriza b'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo bakomeje kwibanda no gushingira ku kuri fatizo kwo mu Byanditswe Byera. Icyabanje n'uko babwirije agakiza no kubabarirwa ibyaha bishingiye ku maraso ya Kristo; byitabirwa n'abantu benshi bakiriye agakiza. Yohana simisi washinze itorero ry'Ababatisiti; Yohana Wesireyi waje gukomokwaho n' itorero ry'abametodisiti; Meno Simoni, uwo ibibwirizwa bye byaje kuvamo itorero ry'abamenoni; Wiriyamu Buti washinze itorero ry'Ingabo z'agakiza; Duwayiti Mudi, Joriji Mureri, n'abandi benshi, abo bose babwirije ubutumwa bwiza bibanda ku kwihana no guhindukirira Kristo binyuze mu murimo w'agakiza ukorwa mu muntu ku giti cye. Ijambo ryo mu Baroma 5:9 ntabwo ryagiriye akamaro Luteri wenyine, ahubwo n'abandi babwiriza b'ubutumwa bwiza bose: "*nuko rero ubwo twamaze gutsindihirizwa ku bw'amaraso ye, tuzarushaho gukizwa na we umujinya*".

Ntaw'ushobora **gutsindishirizwa** n'imirimo ye **imbere y'Imana**, **ahubwo ni ukwizera umurimo wo gucungura wasohojwe na Yesu Kristo**.

Umuntu yavuga ko imyaka 500, uhereye mu gihe cy'ubugorozi, yagize akamaro ko gushoboza abizera kurushaho kwinjira mu Ijambo ry'Imana no kugira ubuzima bweguriwe Imana rwose, biciye mu babwiriza butumwa b'ububyutse banyuranye. Igihe cyose ukwizera nyakuri gukomoka mu kibwirizwa cy'Ijambo ry'Imana (Abaroma 10:17). Aburahamu ufatwa nka se w'abizera, yanditsweho ngo: "*Aburahamu yizeye Imana, bimuhwanishirizwa no gukiranuka*" (Abaroma 4:3; Ababeb.11:8-10). Imana ni yo nyakuri yonyine, naho umuntu wese ni umunyabinyoma (abaroma 3:4).

Handitswe inyandiko nyinshi cyane ku izihizwa ry'isabukuru y'imyaka 500 y'ubugorozi mu mwaka w'I 2017, kandi habayeho n'imihango amagana. Nyamar'iyo dusesenguye, tubona ko amatorero yose n'ayigenga yatsimbaraye ku byo bashyizeho nk'inyigisho fatizo zabo ubwo amatorero yabo yashingwaga. Ubu rero, n'ubwo bafite ibyo batemeranywaho byinshi, amatorero-bakobwa arasubira mu itorero-nyina. Ngo ni "ubumwe mu budasa". Ariko Yesu, Umucunguzi, we aravuga ubumwe bw'ubundi bwoko, ni ukuvuga kugirana ubumwe n'Imana, kandi bihuje n'Ijambo ry'Imana n'ubushake bwayo: "***-Jye muri bo, Nawe muri jye, - kugira ngo babe umwe rwose, kugira ngo isi imenye ko wantumye, kandi ko wabakunze nk'uko nanjye wankunze!***" (Yoh.17:23).

Ubutumwa bwa nyuma bubwirizwa ubu bubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo

Ijwi rirahamagara mu mbaraga: mwa mahanga yose mwe, nimwumve! Mu ntangiriro z'ikinyejana cya makumyabiri, ububyutse bwa pentekote bwatangijwe no gusukwa kw'Umwuka Wera. Ntibyabaye gusa mu murenge wa Asuza i Losi Anjelesi muri Amerika mu mwaka

w’1906, ahubwo mu mpande zose z’isi, abizera bamanukiwe n’imbaraga nyinshi z’Umwuka Wera mu gihe cy’amateraniro y’amasengesho mu buryo budasanzwe.

Mu gihe cy’intambara ya mbere y’isi n’iya kabiri, amagambo yavuzwe n’Umwami muri Matayo 24 yagize imbaraga zidasanzwe. Mur’icyo gice, niho Yesu yavuze iby’intambara n’impuha z’intambara, amapfa, ibyorezo n’ibihe bigoye ku bijyanye n’ibimenyetso by’ibihe. Niyo mpamvu, mu materaniro y’ububyutse yo mu gice cya mbere cy’ikinyejana cya 20, nibwo ukwizera kw’abantu ko ukugaruka kw’Umwami kuri bugufi kwari gufite imbaraga nyinshi. Muri Luka 21, Umwami yavuze no ku by’ibihe bya nyuma, aravuga ati:

“***Na none, nimubona ibyo bisohora, muzamenye ko ubwami bw’Imana buri bugufi***” (umurongo wa 31); “***Nuko rero mube maso kandi musenge igihe cyose, kugira ngo muzagire imbaraga zo kurokoka ibyo byose bizaba ku isi, kandi muzaboneke muhagaze imbere y’Umwana w’Umuntu***” (umurongo 36).

Kubera miriyoni 60 z’abantu bishwe harimo na miriyoni 6 z’abayuda batsembwe, intambara y’isi ya kabiri yahinduye isi ku buryo budasubirwaho. Ubudage n’uburayi byari byarashenywe. Ntaw’utaragezweho n’ingaruka z’intambara ku isi, kugeza no mu Nyanja ya Pasifike aho intambara yarangiriye ku bw’irimburwa rya Hiroshima na Nagasaki harashwe igisasu cya kirimbuzi. Abizera ba bibiliya bose bumvaga ko iherezo ry’igihe cy’ubuntu cyari cyegereje. Nyamara, Umwami wacu yavuze neza ko mbere y’uko iherezo riba: “***Ubu butumwa bwiza bw’ubwami buzabwirizwa mu isi yose kugira ngo buber’abantu bose gihamya. Nuko imperuka izabona ibe***” (Mat.24:14).

Nyuma gato y’intambara y’isi ya kabiri, tariki 7/05/1946, umubwiriza butumwa w’umubatisiti witwa William Branham, yahamagawe n’ijuru kimwe na Pawuro. Tariki 11/06/1933, uwo mubwiriza butumwa woroheje, yari yaramaze kubwirwa n’ijwi ryavugiye mu gicu ndengakamere cyabonywe n’abantu 3000 bari bateraniye aho yabatirizaga mu mugezi witwa Ohayo ngo : “**Nk’uko Yohana Mubatiza yoherejwe nk’integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, nawe uzoherezwa ufite ubutumwa buzabanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo**”. Ibinyamakuru byo muri Amerika byanditse iyo nkuru, cyane cyane icyitwa “*United Press International”*. Uwo ni we muntu watangije ububyutse bwo gukiz’abarwayi, cyane cyane mu matorero y’Abapentekote, bwasakaye vuba cyane ku isi yose. Uwo **yar’umugabo watumwe n’Imana afit’ubutumwa bw’Ijambo ry’Imana, ubugomba kubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo**. Ububasha yahawe n’Imana bwari buherekejwe n’impano yo gusenger’abarwayi; yabwirije mu materaniro y’ivugabutumwa yakoranyag’ibihumbi by’abantu, ahamagarir’ abanyabyaha kwihana no kwemera Yesu Kristo nk’Umucunguzi wabo. Ubwo yasengerag’abarwayi nyuma yo kubwiriza, n’impumyi zarahumukaga, ibimuga bikagenda, abantu benshi bagakiraga indwara zinyuranye.

Jy’ubwanje niboneye kandi niyumvira ubwo bukozi budasanzwe guhera mu mwaka w’1955 kugeza mu w’ 1965. Niyo mpamvu mfite inshingano ikomeye yo kubwir’abo mu is’ibyo Imana yakoze mu gihe cyacu. Mu mwaka w’1949, ubwo nari nkir’umusore muto, ni bwo numvise bwa mbere ibya William Branham n’imirimo itangaje yakorekaga mu bukozi bwe. Nahereyeko ngir’amatsiko yo kuziyumvir’ubwanjye uwo mugaragu w’Imana.

Mu kwezi kwa munane 1955, icyifuzo cyanjye cyarashubijwe, njya ahitwa *Karlsruhe* mu giterane ya mwenedata Branham; icyo giterane cyari cyuzuye umugisha w'Imana, mbona n'amahirwe yo kumenyana na we ubwanjye. Nkimusuhuza duhuye bwa mbere, yarambwiy'ati: "uri umuvuga butumwa". Uherey'icyo gihe nahereyeko nifuza kumenya ibyo uwo mugabo yigisha. Mu kwezi kwa gatandatu 1958, mu giterane kinini cyiswe "Ijwi ryo gukiz'abarwayi" cyabereye ahitwa Dalasi muri Amerika, Imana yongeye kumpamiriza iby'ubwo bukozi mu buryo budasubirwaho. Nabonye na none akanya ko kwongera kumuvugisha, nuko arambwir'ati: "Mwenedata Frank, uzasubira mu Budage ujyanye yo ubu butumwa". Uherey'icyo gihe, nagiye nohererezwa ibibwirizwa bye byose ku mfatamajwi. Ubwo twahuraga ubwa gatatu, tariki 3/12/1962, yarambwiye ati: "…ibyokurya ugomba guhunika, n'Ijambo ryasezeranijwe ry'iki gihe.."

Ikibwirizwa cy'ubutumwa bwiza bwuzuye gikubiyemo agakiza k'ubugingo no gukira indwaro kw'umubiri, nk'uko byavuzwe n'Umwami ubwo yoherezaga intumwa ze mu murimo: "*Dore ibimenyetso bizakurikir'abizeye: mu izina ryanjye… **bazarambika ibiganza ku barwayi, abarwayi bazakira***" (Mariko 16:17-18). Ubwo yabag'asabir'abarwayi, uwo mugaragu w'Imana yakunze na none gukoresh'amagambo y'Umwami yanditswe muri Yoh.14:12: "***N'ukuri, n'ukuri ndababwira yuko, unyizera azakora ibyo nkora, ndetse azakora n'ibibiruta*** …".

Uyu munsi, twumv'inkuru z'intambara n'ibikangisho by'intwaro za kirimbuzi, iby'intambara mu ntara y'uburasirazuba bwa bugufi, iby'ubwiyongere bw'ubushyuhe bw'umubumbe w'isi, n'iby'impindagurika z'ikirere.

"*Isi iranyeganyejwe cyane, isi iradandabirana nk'umusinzi, irahungabana nk'ingando, iraguye kandi ntizongera kubyuka*" (Yes.24:19b-20). Turabona ibimenyetso by'ibihe: igihe cy'iherezo kirageze, kuza kw'Umwami kuregereje! Ariko nta muntu uz'umunsi cyangw'isaha.

Tubwirwa ibyo kugaruka kwa Kristo kwasezeranijwe ahantu henshi mu Byanditswe Byera. Isezerano nyamukuru ryatanzwe n'Umwami ubwe muri Yohana 14:3: "*Nimara kugenda nkabategurir'ahanyu, nzagaruka mbajyane kugira ngo aho ndi namwe ari ho muba*". Abahungu n'abakobwa b'Imana bose bashobora kwiringira amasezerano y'Imana. "… *nk'uko Kristo yitanze rimwe ku bw'ibyaha bya benshi, azongera yihishurir'ubwa kabiri abamutegereje ku bw'agakiza kabo*." (Abaheb.9:28).

Ijwi rirahamagara mu mbaraga riti**: Mwa mahanga mwese mwe, nimwumve**: ubwo Yesu yazaga bwa mbere, ubuhanuzi burenze ijana bwo mu Isezerano rya cyera bwarasohoye. Ibintu ndengakamere byinshi byarasohoye. Umwami Yesu yarabwirizaga, agakiza n'abarwayi bamuganaga: "***Imbaga y'abantu iramukurikira, maze akiza abarwayi bose indwara zabo***…" (Mat.12:15b). Kugira ngo dutegurwe by'ukuri, tugomba kwubaha no kwizera amasezerano y'igihe cyacu: "*d**ore nzabohererereza umuhanuzi Eliya, mbere y'umunsi ukomeye w'Uwiteka, uwo munsi ukomeye kandi uteye ubwoba***" (Maraki 4:5-7). Umwami wacu yasubiye muri ayo magambo ayahamiriza muri Mat.17:11 no muri Mariko 9:12: "***Ni koko, Eliya agomba kubanza kuza, agatunganya byose***". Iryo ni ryo sezerano rirut'ayandi ryagombaga kubanza gusohora mbere yo kuza kwa kabiri kwa Kristo. Nk'uko Eliya yatumije ihanga ry'Isirayeri ku musozi

Karumeri kugira ngo bahitemo, ubu na none, abari mu Itorero ry'Imana bose barahamagarirwa guhitamo.

Mbere yo kugaruka kwa Kristo, byose bigomba gusubira nk'uko byari bimeze ku itangiriro, mu by'ubuzima busanzwe bwa buri muntu, ubw'abashakanye, ubw'umuryango cyangwa iby'ubuzima bw'Umwuka mu Itorero; byose bigomba gusubira muri gahunda y'Imana nk'uko byagenwe muri Bibiliya. Kugira ngo ibyo bishoboke, uwizera wese agomba kuba mu ruhande rw'Imana, nta kwinangira na guke kuri muri we (1Abami 18:21-39). Abizera bagize Itorero ry'Imana nzima bose, bagarukira Imana ku bushake ntacyo bashigaje inyuma ku bijyanye n'Ijambo ryayo, ku nyigisho n'imirimo byarangaga Itorero ku itangiriro.

Mu bihe byose, abagiriwe ubuntu n'Imana bose bizeraga buri Jambo ryayo. No mu myaka 500 ishize, hakomeje kuboneka abantu bizera ubutumwa bwagenewe igihe cyabo. Ni nako byabaye mu gihe cy'ububyutse bwa pentekote. Ubu abagirirwa Ubuntu n'Imana bose, bizera ubutumwa bwiza bw'umwimerere bwa Bibiliya.

Ubu ikibazo s'ukugira ibigororwa mu bitw'abakristo muri rusange, cyangwa ibikosorwa mu bitwa abapentekote; ubu ikiriho ni uko abizera Bibiliya bose bagarurirwa mu buryo bwuzuye, bakubakwa ku rufatiro rw'inkomoko. Abacunguwe bizera ubu Ijambo ry'Imana by'ukuri, ntabwo baguma mu rujijo rw'I Babuloni, ahubwo bezwa n'Ijambo ry'ukuri: "*Ubejeshe Ukuri: Ijambo ryawe ni ryo Kuri"* (Yoh.17:17).

Ubu tugeze ku gihe gikomeye kurusha ibindi byose mu mateka y'agakiza: ukugaruka kwasezeranijwe kwa Kristo kuri bugufi cyane.

Niyo mpamvu dukwiye kwita ku byo Umwami yavuze tubishyizeho umutima: "***N'ukuri, n'ukuri, ndababwira yuko, umuntu atavutse ubwa kabiri, adashobora kubona ubwami bw'Imana***" (Yoh.3:3). Ibi nibura nta muntu numwe ukwiriye kubyibeshyaho: abacunguwe bakabariwe ibyaha byabo, bagahabwa ubugingo bushya bw'Imana babiheshejwe n'amaraso y'Isezerano Rishya, nibo bonyine bazagira uruhare mu izamurwa. Intumwa Petero asobanura iby'agakiza mu buryo bukurikira: "… ***kuko mwahinduwe bashya, atari ku bw'imbuto ibora, ahubwo mubiheshejwe n'Ijambo rizima kandi rihoraho ry'Imana***" (1 Pet.1:23; Luk.8:11).

Ukugaruka kw'Umucunguzi kwar'imwe mu ngingo nkuru z'ibibwirizwa mu gihe cy'intumwa. Ibi bigarukwaho kenshi muri Bibiliya. Muri 1Abatesalonika 4:13-18, Pawuro asobanura neza uko ibyo bizaba. Ku iherezo ry'igice cya 5, handitswe ngo: "***Imana y'amahoro ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu, n'umwuka wanyu, n'ubugingo n'umubiri, byose birarindwe, bitazasangwaho umugayo igihe Umwami Yesu azaza!***" (umur.23).

Umwami n'Umucunguzi wacu yiyise Umukwe, kandi avuga kenshi iby'ibirori by'ubukwe. Abagize Itorero-Mugeni, bemera Ijambo ryasezeranijw'iki gihe, bakumva ijwi ry'akamo rivuga riti: "*Dore Umukwe araje*" (Mat.25:), kandi baremera bagategurirwa uwo munsi uhebuje. Byavuzwe bitaraba muri Matayo 25:10: "… ***abasanzwe biteguye binjirana na we mu cyumba cy'ibirori****, maze urugi rurakingwa".* Mu Byahishuwe 19:7, haravuga hati: "*Tunezerwe, twishime, tuyihimbaze;* ***kuko ubukwe bw'umwana w'Intama busohoye umugeni we akaba yiteguye*****".**

Umwami yateguriy'abacunguwe umurwa, kandi "***Muri rwo ntihazinjiramo ikintu gihumanya cyangwa ukora ibizira akabeshya, keretse abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'umwana w'Intama***" (Ibyah.21:27).

Ijwi rirahamagara mu mbaraga riti: "*mwa mahanga yose mwe, nimwumve!*": Ubu harabwirizw'ubutumwa bw'Imana ari bwo uguhamagara bwa nyuma kubanziriz'ukuza kwa kabiri kwa Kristo. "*Mbese urusengero rw'Imana ruhuriye he n'ibishushanyo bisengwa?* ***Kuko tur'urusengero rw'Imana Ihoraho, nk'uko Imana yabivuze iti " Nzatura muri bo, ngendere muri bo; nzaba Imana yabo, na bo bazaba ubwoko bwanjye. Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye, ni ko Uwiteka avuga, kandi ntimukore ku kintu gihumanye; nanjye nzabakira, mbabere So, namwe mumbere abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka ushobora byose avuga.***" (2 Abakorinto 6:16-18).

Ubu n'igihe cy'umuhamagaro wo gusohoka mu bitar'ukuri byose, no mu myemerere ishingiye ku migani yose idahuje na Bibiliya. Ubu n'igihe cyo gutegurwa, igihe cyo kwizera ibivugwa n'Ibyanditswe byonyine. Ubu, nk'uko byari bimeze ku itangiriro, abizera bose bishingiye kuri Bibiliya, bagomba kubatizwa mu mazi menshi mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Nta muntu wizera ukwiye kwanga kwakir'agakiza k'Imana nkuko byabikozwe n'abanditsi mu gihe cyabo (Luka 7:30).

Ku bijyanye n'ubukozi bwa Yohana Mubatiza, Umwami wacu yabajije abantu ati: "*N'iki mwagiye kureba mu butayu? Ese n'urubingo ruhungabanywa n'umuyaga?*" Arongera arababaza ati : "*ariko mwagiye kureba iki? Ese n'umuntu wambaye imyenda myiza yorohereye? Cyangwa mwagiye kureba umuhanuzi?*" Yesu arasubiza: "*Ni koko, kandi ndababwira y'uko aruta umuhanuzi cyane. Kuko ari we wanditsweho ngo "****dore ntumye integuza yanjye imbere yawe, izakubanziriza igutunganirize inzira***" (Mat. 11: 9-10). Abahanuzi bose barahanuye kugeza kuri Yohana (umurongo 13); kuva icyo gihe, Ubwami bw'Imana burabwirizwa.

Ese n'iki twagiye kureba? Ese twashakaga kumva umuvugabutumwa ubwiriza iby'ubutunzi, cyangwa se umukarisimatike ubwiriza kuri televiziyo? Oya, ntabwo ari byo rwose. Twamenye y'uko nyuma y'imyaka 2000, har'umugabo woherejwe n'Imana witwa William Branham wongeye kubwiriza iby'umugambi w'Imana w'agakiza (Ibyak. 20: 27). Twagiye kumva ubutumwa bumwe n'ubwo ku itangiriro ry'Itorero bwasohokaga mu kanwa k'umugabo watumwe n'Imana ubwayo, wahawe amabwiriza n'Imana biturutse mu gicu ndengakamere, ubwo yari ku musozi witwa Sunset, ku birometero 65 uvuye i Tukisoni ya Arizona muri Amerika, tariki 28 gashyantare 1963, akabwirwa kujya kubwiriza ku bimenyetso 7 byo mu Byahishuwe mu itorero rye ry'akarere i Jeferisonivile. Ni byo yakoze uhereye tariki 17 kugeza 24 ukwezi kwa gatatu 1963. Ikinyamakuru cy'abanyamerika "Science" cyasakaje ifoto y'icyo gicu tariki 19/4/1963; ikindi kinyamakuru cyitwa "life" kiyitangaza tariki 17 /5/1963. Ntabwo ari ibimenyetso 7 gusa ahubwo ubwiru bwose, buri nyigisho (ku bumana, ku mubatizo, ifunguro ryera n'ibindi), byose byadutangarijwe mu kuri kose, nkuko Bibiliya ibyigisha. Nubwo umuhanuzi yacyuwe mu kwezi kwa 12/1965, twasigaranye ubutumwa kandi twabugejeje ku isi yose.

Itorero ry'Imana ryongeye kuba inkingi n'urufatiro by'ukuri, ntabwo rikiri inyubako y'ibinyoma bya kidini. Nta nsobanuro cyangwa kwizera ibinyoma birangwa mu itorero rya Yesu Kristo. Biciye mu butumwa bwa nyuma buhuje 100% n'ubutumwa bwiza bwo ku itangiriro, Itorero ryongeye kubakwa ku rufatiro rw' umwimerere. Dore ikimenyetso Imana yasezeranije abizera b'ukuri ba Bibiliya kugira ngo kibabere gihamya : " ***Ni we namwe mwiringiye mumaze kumva Ijambo ry'ukuri, ari ryo butumwa bwiza bw'agakiza kanyu, kandi mumaze kwizera ni we wabashyizeho ikimenyetso, ari cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe***…" (Abef. 1:13).

Mbere y'uko ibyo bishobora kuba, bose bagomba gusohoka mu rujijo rw'insobanuro z'abantu, kuko Imana izashyira ikimenyetso cyayo ku Mugeni Jambo.

Uherey'igihe nahamagawe n'Imana, tariki 2/04/1962, nakomeje kubwiriz'Ijambo ry'Imana, ubutumwa bwuzuye, ubutumwa butunganye rwose mu isi yose, nkomeza no gukwirakwiza ibyokurya by'Umwuka (Mat. 24:45-47). Ubu, nyuma y'uko nshoboye kubwiriza muri Koweit na Bahrein mu kwezi kwa 11/2017, bimaze kuba ibihugu 165 nasuye mu ngendo zanjye z'ivugabutumwa za buri kwezi maze imyaka 55 nkora. Nabwirije mu mirwa mikuru ikomeye nka Moscou na Pekin, i Damasiko n'i Kairo, no mu yindi mirwa myinshi ku isi.

Na none, ibibwiriza by'iminota 30 binyura kuri televiziyo mu rurimi rw'icyongereza bisakazwa n'ibigo bya televiziyo 56, byatumya amamiliyoni menshi y'abantu bamenya umugambi w'Imana wose. Ibibwirizwa byanjye bisakazwa na televiziyo z'ibihugu byinshi. Amateraniro mpuzamahanga abera ku kigo cyacu ky'ivugabutumwa i Kireferidi buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi birebwa cyangwa bikumvwa n'bihumbagiza by'abantu mu isi yose, yab'ari abadukurikira tubwiriza kuri interineti cyangwa abo twohereereza ama CD cyangwa DVD ku buntu. Imana yatanze uburyo kugira ngo ibibwirizwa bya buri kwezi bitangirwa hano mu kigo cy'ivugabutumwa bishobore guherako bisemurwa mu ndimi 15 kandi n'ubutumwa bubanziriza kuza kwa kabiri kwa Kristo nabwo busemurwe mu ndimi zose zo mu isi.

Umurimo Imana irimo gukora ubu ni uw'akataraboneka ku isi. Nuko rero Ubutumwa bwiza buhoraho burimo burabwirizwa amahanga yose n'indimi zose nk'ubutumwa bwa nyuma (Ibyah. 14:6; Mat.24:14). Abizera by'ukuri bihuje na Bibiliya bose bazi neza ko iherezo rigeze kandi ko Umwami agiye kugaruka. Bumva ibyo Umwuk'abwir'amatorero binyuze mu Ijambo ryahishuwe, bemera gutegurwa, bategurirwa umunsi uhebuje wo kuzamurwa.

Nshobora guhamya imbere y'Imana nk'uko byavuzwe ma Mikaya mu ijambo twatangije, ko nta kindi nabwirije uretse ibyo twasigiwe n'Imana mu Ijambo Ryayo.

Umwami aravug'ati: "***Dore ndaza vuba!***" N'abacunguwe by'ukuri bose barater'akamo bati "***Amina, Ngwino Mwami Yesu!***" (Ibyahishuwe 21).

Yerusalemu - Ibuye riremereye

Isirayeri 1948-2018

Ijwi rirahamagara mu mbaraga: mwa mahanga yose mwe, nimwumve: "*Icyo gihe, nzahindura Yerusalemu ibuye riremerer'amahanga yose; abazariterura bose bazakomereka; kandi amahanga yose azateranira kuyirwanya"* (Zak.12:3).

Perezida w'Amerika yakoze ku ngingo badashobora kumvikanaho ubwo yemeraga ku mugaragaro Yerusaremu nk'umurwa mukuru wa Isirayeri, tariki 6/12/2017, akanatangaza ko agiye kuhimurira ambasade y'Amerika. Iminsi mike nyuma yaho, Inteko rusange y'Umuryango w'abibumbye washyiz'ahagaragara icyemezo, gisaba Leta zunze ubumwe z'Amerika kwisubiraho ku cyemeza bafashe cyo kwemera Yerusalemu nk'umurwa mukuru wa Isirayeri. Icyo cyifuzo cyatanzwe na Turukiya na Yemeni. Mu bihugu 128 byatoreye icyo cyemezo, harimo na Sawudi Arabiya, Egiputa na Koweyiti, kimwe n'Ubudage, Ubufaransa, n'Ubwongereza.

Abanyepolitiki bose n'abakuru b'ibihugu, bari bakwiriye kwigishwa n'amateka. No mu gihe cy'Aburahamu, yajyanye na Isaka ku musozi Moriya kugira ngo atambire Imana igitambo (Itang.22). uwo ni wo Musozi w'Urusengero i Yerusaremu. Yerusalemu ivugwa inshuro 780 muri Bibiliya.

Dawidi yaguze umurima wa Orunani Umuyebusi, amwishyura zahabu ingana na shekel 600 (1Ibyo ku Ngoma 21:25). Ubwo baguraga, yaravuze ati: "*Aha niho hazaba inzu y'Uwitek'Imana, kandi* ***aha ni ho hazaba igicaniro cy'ibitambo by'Isirayeri***" (1Ibyo ku Ngoma 22:1).

Ubwo Dawidi yabaye ku ngoma imyaka 33 i Yerusalemu, hashize imyaka 3000; umuhungu we Salomo na we yimye ingoma ye igihe cy'imyaka 40 i Yerusalemu. Salomo yahubatse urusengero abitegetswe n'Imana. Ikibazo cyar'icy'isanduku y'isezerano yarimo Ijambo ry'Imana: "***nahateguye aho Isanduku irimo amasezerano y'Imana izururukira, Isezerano yagiranye na ba sogokuruza ubwo yabasohoraga mu gihugu cy'Egiputa***" (1Abami 8:21). Nk'uko byanditswe mu 1Abami 8, ubwiza bw'Imana bwuzuye mu rusengero rumaze kwubaka bibonwa na bose. Imana ni yo yatoranije Yerusalemu ko ihinduka umurwa mukuru wa Isirayeri. Uyu munsi, nta murwa mukuru n'umwe ungaya imyaka na Yerusalemu.

Uhereye kuri Aburahamu, Isaka na Yakobo, abana b'Isirayeri bakomeje kuba ubwoko bwihariye, umurage bwite w'Uwiteka Imana. Yabahaye amasezerano ku bw'iki gihe akurikira: "***Nzabagarura mbakure mu mahanga, nzabateranya mbavane mu bihugu byose, mbagarure mu gihugu cyanyu***" (Ezek.36:24).

"***Kuko Uwiteka azagirira imbabazi Yakobo, azongera atoranye Isirayeri, abagarure mu gihugu cyabo***. *Abanyamahnga bazishyira hamwe nabo, bazunga ubumwe n'inzu ya Yakobo*" (Yes.14:1).

"*Ni yo mpamvu, uku ari uko Umwami Uwiteka avuze: Ubu rero nzagarura abanyazwe ba Yakobo,* ***nzagirira imbabazi abo mu nzu ya Isirayeri bose... ubwo nzabagarura mbavanye mu***

moko yose, ubwo nzabateranya mbavanye mu bihugu by'abanzi babo, nzezwa na bo imbere y'amahanga menshi" (Ezek.39:25+27).

Muri Luka 21:24, Umwami aravuga ati: "… ***kandi Yerusalemu izanyukanyukwa n'amahanga, kugez'ubwo igihe cy'amahanga kizarangira***". Igihe kiri bugufi cyane, ibintu byose birimo gusohora.

Yesaya yarahanuye ati: "***Hazagera igihe, ubwo umusozi w'inzu y'Uwiteka uzashingwa ku mpinga y'imisozi, uzamuke hejuru y'indi misozi****, kandi amahanga yose azawushikira. Abantu b'amoko menshi bazajyayo ari benshi, bavuge bati: Nimuze, tuzamuke tujye ku musozi w'Uwiteka, ku nzu y'Imana ya Yakobo, kugira ngo atwigishe inzira ze, kugira ngo tuzigenderemo.* ***Kuko i Siyoni ari ho hazaturuka amategeko, kandi I Yrusalemu ni ho hazaturuka Ijambo ry'Uwiteka***" (Yes.2:2-3).

"***Uwiteka azahindura Yuda umwandu we bwite mu butaka bwera, kandi azongera atoranye Yerusalemu***" (Zakar. 2:12). Amina!

*"****Nimwishimane na Yerusalemu, nimuyigire impamvu yo kubanezeza mwa bayikunda mwese mwe; musimbagurikane nayo ku bw'umunezero mwa bayiririra mwese mwe****…"* (Yes. 66:10).

Igihe Umwam'Imana azinjira mu bwami Bwe, azakandagiza ibirenge bye ku musozi w'Erayono: "***Azakandagiza kuri uwo munsi ibirenge Bye ku musozi w'imyerayo, uteganye na Yerusalemu i burasirazuba***…" (Zakar.14:4). Maze ba basaza 24 bazaramya Imana bavuga bati: "*Turagushimira Mwami Mana Ishobora byose, uriho, kandi wahozeho, kuko wafashe imbaraga zawe nyinshi, ukigarurira ubwami Bwawe*" (Ibyah.11:17).

Mu mpera z'intambara ya mbere y'isi, mu kwezi kwa 12/1917, umugaba w'ingabo z'abongereza witwa Allenibi yafashe umurwa w'i Yerusalemu, war'umaze imyaka 400 uri mu maboko y'Abaturukiya/ Otomani. Uherey'icyo gihe, iyo ntara yose yar'izwi ku izina rya Transijorudania, itegekwa n'Abongereza kugezamu mu mwaka w'1948. Nta gihugu cy'aba Palesitini kigeze kibaho.

Tariki 14/05/1948, Beni Guriyoni nibwo yatangaje ku mugaragaro igihugu cya Isirayeri. Kugeza mu mwaka w'1979, abantu b'amoko yose babanagayo mu mahoro. Ayatora Komeini amaze kuvana ku butegetsi Umwami wa Irani war'inshuti y'Isirayeri, nibwo yatangaje ko ari umwanzi wa Isirayeri. Kugeza ku myivumbagatanyo ya kabiri yiswe Intifada yo mu mwaka wa 2000, twashoboraga kujya mu ntara ya Gaza n'abo twabaga turi kumwe mu ngendo twagiraga muri Isirayeri. Uyu munsi ibyo ntibigishoboka.

Binyuze mu "Itegeko Nshinga rya Isirayeri", Inteko ishing'Amategeko ya Isirayeri yatangaje mu mwaka w'1980 ko Yerusalemu ari umurwa mukuru wa Isirayeri, kandi ko udashobora kugabanywamo. Tariki 2/01/2018, Kineseti (Inteko ishinga amategeko ya Isirayeri) yahinduye amasezerano ya cyera yo mu w'1980, maze itora itegeko rivuga ko "Yerusalemu ari umurwa umwe". Iryo tegeko rivuga kandi ko ibyemezo bijyanye n'imiterere ya Yerusalemu bigomba gutorerwa ku bwiganze bw'amajwi angana na 2/3 by'abagiz'Inteko Ishing'Amategeko ya Isirayeri (Kineseti).

Ibihe bishya biratangiye: **Ubu noneho biragaragara ko Yerusalemu ihindutse ibuye riremereye**. Kubera ibyavuzwe na Donaridi Trampu, tariki 11/12/2017, Benyamini Natanyahu, Minisitiri w'Intebe wa Isirayeri, yasuye Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi i Buruseri, ahavugira amagambo make maze aramwazwa kandi yakiranw'agasuzuguro. Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi, binyuze mu Muyobozi wawo mukuru, Frederika Mogerini, wasabye ko amagambo yavuzwe na Trampu yateshw'agaciro. Birasa nk'aho "Leta zunze ubumwe z'Amerika" zigomba gusimburwa na "Leta zunze ubumwe z'Uburayi" nk'igihugu cy'igihangange ku isi. Hari ababyifuza mu Muryango w'Uburayi (wabyawe n' "Amasezerano y'i Roma") ko ibyo byagerwaho bitarenze mu mwaka w'2025.

Nk'uko ubuhanuzi bwa Bibilia bubivuga, ni bwo buzaba ar'ubwami bukomeye bwa kane, nk'uko byahanuwe n'umuhanuzi Danieli.

Mu kwezi kwa 5/2018, hazaba hashize imyaka 70 uhereye igihe igihugu cya Isirayeri cyashingiwe. Icyo gihe, igihugu cyari gifite abaturage 850.000 gusa, ariko nyuma y'imyaka 10 gusa, bari bamaze kwikuba kabiri. Mu mwaka w'1990, abaturage bari bamaze kungana na 4.500.000. Uyu munsi, haravugwa abageze kuri Miriyoni 8,7.

Amasezerano y'amahoro azakomeza imyiteguro yayo, kugira ngo ubuhanuzi busohore ko: "*Ubwo bazavuga bati ni amahoro, nta kibi kiriho", ni bwo kurimbuka kuzabatungura nk'uko ibise bitungura umugore utwite, kandi ntibazabasha kubikira na hato*" (1Abates. 5:3).

Ariko na none, ibyo umuhanuzi Yoweri yahanuye na byo bizasohora: "***Kuko dore, mur'iyo minsi, mur'icyo gihe, ubwo nzagarur' abajyanywe nk'iminyago b'Ibuyuda n'i Yerusalemu**, nzaterany' amahanga yose, nyamanure mu kibaya cya Yehoshafati; aho ni ho nzabacira urubanza, kuber'ubwoko bwanjye, kubera Isirayeri, umurage wanjye, batatanije mu mahanga, no kubera igihugu cyanjye bigabanije*" (Yow.3:1-2).

Turi hagati y'ibihe ubuhanuzi bwa Bibilia buvuga iby'ibihe bya nyuma burimo gusohora. Birababaje ko aba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'ibihugu by'Uburayi hamwe n'abandi bakuru b'ibihugu benshi batubaha icyemezo cyafashwe n'Imana.

Guhera mu itangiriro ry'uyu mwaka wa 2018, turi mu gutegereza gukomeye, kandi twiteze ko Umwami Nyir'ukwiringirwa asozereza umurimo we wo Gucungura Itorero ryo mu mahanga, maze akatujyana nk'uko byanditswe ngo: "*Hanyuma twebwe abazaba bakiriho, tuzazamurwa twese hamwe nabo, tujye gusanganir'Umwami mu bicu; nuko tuzabana na we iteka ryose*" (1Abates.4:17). Nta muntu n'umwe uzi umunsi, ni yo mpamvu dukwiriye guhora twiteguye. Hanyuma, Umwami azasoza n'umurimo we hamwe na Isirayeri, binyuze mu bukozi bw'abahanuzi babiri (Ibyah.11), maze ubwami Bwe bw'imyaka igihumbi butangire. Amina.

"*Nuko marayika wa karindwi avuza impanda. Nuko humvikana amajwi mu ijuru avuga ati: ubwami bw'isi bweguriwe Umwami wacu na Kristo we, kandi azima iteka ryose!*" (Ibyah.11:15).

Ukoreshwa n'Imana

Bt. Frank

Iyi shusho irerekana amateraniro adasanzwe yo kuwa gatandatu tariki 16/09/2017, i Konsitanta muri Rumaniya, hafi y'Inyanja yirabura. Ntabwo ar'abizera gusa baje mu materaniro, ariko hari n'abantu bwar'ubwa mbere bumva ubutumwa. Mu bantu barenze ijana baje imbere kugira ngo basengerwe, harimo n'umwanditsi w'ikinyamakuru cy'ikisilamu, hamwe n'umugabo wo mu itorero ry'aba Orutodogisi. Bombi bakiriye Yesu nk'umukiza wabo, maze baza kubatirizwa mu Nyanja yirabura bihuje na Bibilia nyuma y'ibyumweru bibiri hamwe n'abandi bose bahaye Umwami ubugingo bwabo. Umwami nyir'ukwizerw'abishimirwe!



Nkuko mubibona ku ikarita y'ibumoso, uko niko Yosuwa yagabanije Igihugu cy'Isezerano imiryango 12 y'abana b'Isirayeri, nk'uko byanditswe mu bice bya 13-20; imiryango ibiri n'igice yari iburasirazuba bwa Yorudani. Ezekieli na we ni ko yabibonye na none mu gihe cy'ingoma y'imyaka 1000, nk'uko byanditswe mu bice bya 47-48. Mu gice cya 47, yamaze kubona urusengera ruzubakwa. Mu gice cya 48, tubona uko imiryango 12 iri muri gakondo yayo.

Ku ikarita y'iburyo, turabona ibyo abanyeporitike bakoze ubutaka bwera. Bavuga ko abisirayeri ari ba gashaka buhake kandi ko ahagiz'umutima wa Isirayeri hagarujwe umuheto. Ibyo ntabwo ari ko bizakomeza kuba. Mu gihe cy'ingoma y'imyaka igihumbi, gahunda y'Imana izasubizwa ku Butaka Bwera.

Niba mukeneye kohererezwa udutabo twandika (brochures), mushobora kutwandikira cyangwa guhamagara mubisaba ahakurikira:

Missionnaire Network
B.P 1718, Kigali – Rwanda
info@missionnaire.net
+250 788 303 640
+250 788 567 415

Mushobora no gukurikira amateraniro yacu ya buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi, mukoresheje umuyoboro wa interineti: ku wa gatandatu saa moya n'igice nimugoroba, no ku cyumweru saa ine za mugitondo. Ayo materaniro asakazwa mu isi yose mu ndimi 12 zinyuranye.

Nimugire uruhare mu byo Imana irimo gukora ubu bijyanye n'umugambi wayo w'agakiza!

Page web: http://www.freie-volksmission.de/?lang=3&site=news

E-mail: volksmission@gmx.de cyangwa ewald.frank@freie-volksmission.de Fax: 0049-2151/951293